

GUCA URUBANZA



*Buri nkuru wumva ifite ukuri ariko undi yayivuga wumva itandukaniro.
Akagabo gahimba akandi kataraza*

IHAME RY' ICYUMWERU

Kimwe mu biranga kandi bagashimwa ku muyobozi ni uko agira ubushobozi bwo guca urubanza. Ubu bushobozi ntabwo burahurwa maze ngo buhemberwe, ahubwo bukuzwa no kwiga kuri buri kibazo cyangwa buri muntu umunsi ku wundi. Ubuyobozi ni ugushobora kuyobora abantu mu bihe bitandukanye kandi tukabageza ku bisubizo. Ibi rero bisaba ubushishozi; naho ubundi ibibazo byavukamo ibyago bikomeye.

Abayobozi bagomba kwitarika ibyemezo bafata kuko bishobora kubangiriza izina. Abayobozi beza ntibakunze kugira uburiganya ibyabo byose bigomba kuba ntawe bibera cyangwa se atagenzwa na kamwe. Bagomba kuzirikana cyane igikwiye kurusha ni nde uri mu kuri ikindi ni uko ntibakiharire ijambo maze twirengagize abandi. Kugira ngo ufate ibyemezo bizima, tugomba natwe kubanza tukisuzuma. Twihutira gucira abandi urubanza dukurikije uko tubyumva. Ubusanzwe abandi tubabonamo icyo turi cyo. Iyo dufite ubusambo, ubuhemu, kuriganya cyangwa kwikakanyaza muri twe, twibwira ko n' abandi bateye batyo ni uko tukabacira urubanza muri iyo ndorerwamo.

Icyemezo kizima gishobora gufatwa ari uko gusa dushobora kureba imizi y' ikibazo hadakurikijwe inyungu zacu ndetse tudafite n' amarangamutima. Usibye ko kandi bitoroshye kuko kuri buri kibazo haboneka abantu batandukanye. Ahanini ibibazo byinshi duhura nabyo ni ibibazo abantu baterwa n' amarangamutima, umujinya ukabije n' abakarimi koroshye. Buri wese yivuga ameza ntawe ushaka kwivuga amabi. Gufata icyemezo cyizima rero bisaba kumva impande zombi maze ugasesengura kugeza ubwo dutahuye imizi y'ukuri. Buri nkuru twumva ifite ukuri ariko kugeza ubwo undi avuze ibye. Mu gihe twumva twasobanukiwe ni ibyabaye, tugomba gufata umwanzuro ndetse n' icyemezo cyafatwa.

Byaba byiza iyo tudashinja icyaha umuntu umwe gusa, ahubwo amakosa akaba ay' ikipe yose, kuko iyo instinzi ibonetse yitirirwa ikipe yose. Rero iyo dushize

amakosa ku muntu runaka, bigabanyamo ikipe ibice. Ijambo rihabereye rero ni" ndabizi ko yoweri yakoze ikosa, nyamara byashobokaga kuryirinda iyo buri wese aza kuba maso". Maze ukababarira ibyahise bigahita ahubwo mugapanga iby'ejo. Guhora urenganya abantu ku mafuti yo bakoze kera bibangamira mu gihe cya none bityo bagahera mu byakera, amaherezo n' ejo habo hazaza haratokorwa.

Ubusanzwe ibibazo biba bitwikiriwe n' igihu cy' umwotsi, kandi ni turamuka tudashishoje tuzahubuka maze turenganye abantu nta cyaha bafite. Nk' abantu ku giti cyacu tugomba gufata ibyemezo bikwiye muri iyi si ihindagurika. Naho gutanga igice kimwe gusa cy' amakuru cg igicuruzwa kugeza ubwo amasezarano yasinnye bifatwa nk' ubudandaza, nyamara ibyo ni uburiganya/ guhenda ubwenge. Bityo rero guhendwa ubwenge biroroshye keretse iyo dufite ishusho ndetse n' imyumvire yagutse itahura ingeso z' abantu. Guhitamo / gufata icyemezo gikwiye rero ni ngingo dukeneye buri munsi.

INYUNGU

1. Abantu bazatugirira icyizere mu gihe batuziho guca urubanza mu nzira itabera.
2. Bamwe bazadukundira bavugishe ukuri. Bityo bikoroha kuvugisha ukuri ibi nuko ntacyo batwishishaho bityo kubera urugero tuba twaragagaje.
3. Aha kandi tuzirinda guhura n' amakosa aremereye dukoresheje intwari yo kunononsora no gufata ibyemezo bizira amakemwa.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Ntugafate icyemezo mu nzira ya hutihuti ngo nuko wokeywe igitutu. Ibi bishobora kuzamura cyangwa bigasenywa izina ryawe. Bityo rero fata umwanya wo kubyigaho mbere yuko ufata wa mwanzuro w' irubanza. Bibaye na ngombwa fata igihe kinini

Inzira ni mikorere yo YO GUCA URUBANZA



- gishoboka kuko byagufasha gusesengura bihagije.
- Sesengura ingingo zose ku buryo burambuye. Kuko kubirebera hamwe mu buryo bwagutse bigufasha kwirinda ibibazo byavuka nyuma yaho.
- Tekereza ku buryo butyomoye mbere yuko ufata umwanzuro.
- Sobanukirwa bihagije imibereho ku buzima ndetse n' abantu . Gufata ibyemezo no guca imanza bishingiye ahanini ku buryo twasobanukiwe uburakari bw' abantu, ibibatera umwete ndetse n' imyitwarire ibi kandi ni ishuli ry' ubuzima bwose tubayeho.
- Ujye wihutira kureba igikwiye kurusha ninde uri mu kuri.
- Shakisha inyunganizi. Ntukajye wemera ko icyubahiro ufite kikubuzza kubaza cyangwa kwakira ibitekerezo bivuye ku bandi.
- Mbere yuko ufata umwanzuro ujye ushishoza maze urebe ko utafashe umwanzuro udakurikije uko wowe ubyumva gusa, igihe cyose gerageza gucisha mu kuri.

- Reba mu mizi y' ikibazo utemeye ko amarangamutima agutwara.
- Ntukajye utoranya umuntu umwe mu bandi ngo umwibasira, dore ko haba hari izindi mpamvu zigomba gusuzumwa ku rundi ruhande.
- Tanga imbabazi kandi utumbire ejo hazaza. Ntukajye uheranwa n' ishusho ku byabaye kera.

Akenshi umwanzuro mwiza wigirwa mu makosa twahuye nayo kera. Itoze rero ukoresheje inzitizi wahuye nazo kugira ngo zikubere urwego.

Ibyemezo bya none bigena ejo hacu hazaza.

IBAZE KANDI USUBIZE

- Ese ni ikihe gisubizo utanga cyambere iyo umuntu agutuye ikibazo?
- Ese wari usanzwe ufata ute ijambo guca urubanza mbere yuko usoma iri hame?
- Ese ni uruhe ruhare iri hame rishobora kugira ku buzima bwawe?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri muni	M	T	W	T	F	S	S			